SACCO
Muganga
Dream & achieve

# IMYANZURO Y'INAMA Y'INTEKO RUSANGE YO KUWA 23 UGUSHYINGO 2023

**01**

Inama y'Inteko Rusange yemeje ingengo y'imali y'umwaka wa 2024 ndetse n'ibikorwa ishamikiyeho (Action Plan) bya 2024.

**02**

Abagize Inteko Rusange bemeje ko abanyamuryango barengeje 5% y'ubwizigame bazabusubizwa mu myaka itatu, ni ukuvuga 2024, 2025, na 2026 hatangwa amafaranga atarenze miliyoni 50 buri kwezi.

**03**

Inama y'Inteko Rusange yemeje kuvugurura Itegeko Shingiro rya Koperative Muganga SACCO kugirango rihuzwe n'amategeko n'amabwiriza ya Banki Nkuru y'Igihugu ndetse n'itegeko rigenga amakoperative mu Rwanda.

**04**

Bijyanye n'akamaro k'ubwizigame ngombwa (compulsory savings), Inama y'Inteko Rusange yemeje ko busubizwa umunyamuryango igihe gusa atakiri mu rwego rw'ubuzima, agiye muzabukuru cyangwa yitabye Imana bugahabwa abamuzungura, ariko uko koperative izagenda ikura ubu bwizigame bukazungukirwa.

**05**

Inama y'Inteko Rusange yatoye abagize komite idahoraho ishinzwe gushyikiriza imyirondoro y'abakandida bigenga bazatorwamo abajya mu nama y'ubuyobozi na komite ngenzuzi.